

# Waba Witeguye mu gihe Ibiza cyangwa Impanuka byagushyikiye?

**FATA INGAMBA.ITEGURE.MENYA KWIRENGERA.**



Australian Government



Queensland Government



TMSG  
TOWNSVILLE MULTICULTURAL SUPPORT GROUP INC.



TOWNSVILLE  
LOCAL DISASTER  
MANAGEMENT GROUP





# Inkongi y'umuriro

## Uru rupapuro rwerekeranye nibyo gukora mu nkongi y'umuriro

**Inkongi y'umuriro ni umuriro munini ushobora:**

- kugenda vuba
- waba igihe icyo ari cyo cyose
- kuba akaga



Akaga bivuze ko ushobora gukomeretswa. Nkurugero, ushobora gushya.



Niba hari umuburo w'inkongi y'umuriro ugomba guhitamo gusigara cyangwa kugenda.



Inkongi y'umuriro ishobora kugukomeretsa wowe n'umuryango wawe.

## Ni iki Inkongi y'umuriro ishobora gukora?



Inkongi y'umuriro ishobora kwangiza inzu yawe.



Inkongi y'umuriro ishobora kwangiza ibintu munzu yawe, urugero ibikoresho.

## Kugirango witegure Inkongi y'umuriro ugomba:



Kugira ibikoresho by'ingenzi wakwitabaza.



Tegura icyo wowe n'umuryango wawe mwazakora habaye hari umuburo w'inkongi y'umuriro.




Shaka ubwishingizi bw'inzu yawe n'ibintu byo munzu yawe.



Ugomba kandi kumva Radiyo ABC cyangwa TV kubyerekeye imiburo y'inkongi y'umuriro.



Sukura ibyatsi birebire n'ibiti bito hafi y'inzu yawe.



**Ubwishingizi ni amafaranga ushobora kubona muri societe y'ubwishingizi mugihe hari ibitagenda neza.**

# Inkubi y'umuyaga

**Uru rupapuro rwerekeranye nibyo gukora mu Nkubi y'umuyaga.**

**Inkubi y'umuyaga ni akaga kandi ishobora gutera:**



Imiyaga ikomeye.



Imvura nyinshi irimo imiyaga ikaze n'inkuba.



Imyuzure



Inkubi y'umuyaga ishobora guteza akaga. Akaga bivuze ko ushobora gukomeretswa. Niba hari inkubi y'umuyaga ugomba kuguma mumbere kugeza umuyaga urangiye.

## Inkubi y'umuyaga ishobora gukora iki?



Inkubi y'umuyaga ishobora kwangiza inzu yawe.



Inkubi y'umuyaga ishobora kwangiza ibintu munzu yawe, urugero ibikoresho.



Inkubi y'umuyaga ishobora kugukomeretsa wowe n'umuryango wawe.

## Kugirango witegure inkubi y'umuyaga ugomba:



Kugira ibikoresho by'ingenzi wakwitabaza.



Tegura icyo wowe n'umuryango wawe mwazakora habaye hari umuburo w'inkubi y'umuyaga.




Shaka ubwishingizi bw'inzu yawe n'ibintu byo munzu yawe.



Ugomba kandi kumva Radiyo ABC cyangwa TV kubyerekeye imiburo y'inkubi y'umuyaga.



Tunganya inzu n'ubusitani bwawe.



**Ubwishingizi ni amafaranga ushobora kubona muri societe y'ubwishingizi mugihe hari ibitagenda neza.**



# Umutingito

**Uru rupapuro rwerekana icyo gukora mu mutingito.**

**Umutingito ni igihe isi ihinda umushyitsi.**



Umutingito ushobora kubaho igihe icyo aricyo cyose, uba munini cyangwa muto, kandi ni akaga.



Akaga bivuze ko ushobora gukomeretswa. Nkurugero, ikintu gishobora kukugwaho.



Umutingito ushobora kugukomeretsa wowe n'umuryango wawe.

## Umuringito ushobora gukora iki?



Umuringito ushobora kwangiza inzu yawe.



Umuringito ushobora kwangiza ibintu munzu yawe, urugero ibikoresho.

## Kugira ngo witegure umuringito ugomba:



Kugira ibikoresho by'ingenzi wakwitabaza.



Tegura icyo wowe n'umuryango wawe mwazakora habaye hari umuburo w'umuringito.




Shaka ubwishingizi bw'inzu yawe n'ibintu byo munzu yawe.




Ugomba kandi kumva Radiyo ABC cyangwa TV kubyerekeye imiburo y'umuringito.




Menya neza ko ibintu byo mu nzu yawe bitakugwaho.



## Mugihe cy'umuringito ugomba:



**KUGWA!**



**KWITWIKIRA!**



**KOMEZA!**





# Umwuzure

**Uru rupapuro rwerekana icyo gukora mu mwuzure.**

**Umwuzure ni igihe amazi atwikiriye ubutaka bikakugora kuja hanze.**



Umwuzure ushobora kubaho igihe icyo aricyo cyose, buhorobuhoro cyangwa hutihuti, kandi ushobora guteza akaga.



Akaga bivuze ko ushobora gukomeretswa. Urugero, ushobora kugwa mu mazi ukarohama.



Niba hari umwuzure ntutwarire imodoka mu mazi.

**FATA INGAMBA.ITEGURE.MENYA KWIRENGERA.**

## Umwuzure ushobora gukora iki?



Umwuzure ushobora kugukomeretsa wowe n'umuryango wawe. Umwuzure ushobora kwangiza inzu yawe.



Umwuzure ushobora kwangiza ibintu munzu yawe, urugero ibikoresho.

## Kugira ngo witegure umwuzure ugomba:



Kugira ibikoresho by'ingenzi wakwitabaza.



Tegura icyo wowe n'umuryango wawe mwazakora habaye hari umuburo w'umwuzure.



Shaka ubwishingizi bw'inzu yawe n'ibintu byo munzu yawe.



Tunganya inzu n'ubusitani bwawe.



Shyira ibintu mu nzu yawe hejuru.

**Ubwishingizi ni amafaranga ushobora kubona muri societe y'ubwishingizi mugihe hari ibitagenda neza.**



Ugomba kandi kumva Radiyo ABC cyangwa TV kubyerekeye imiburo y'umwuzure.

# Ikirere kimeze nabi cyane

**Uru rupapuro rwerekana icyo gukora mu gihe Ikirere kimeze nabi cyane**

**Ikirere kimeze nabi cyane ashobora kuba ari:**



Imiyaga ikomeye.



Imvura nyinshi irimo imiyaga ikaze n'inkuba.



Urubura runini.



Ikirere gishobora kumera nabi cyane igihe icyo aricyo cyose.



Ikirere kimeze nabi cyane giteza akaga. Akaga bivuze ko ushobora gukomeretswa.



Ikirere kimeze nabi cyane gishobora kugukomeretsa wowe n'umuryango wawe.

## Ikirere kimeze nabi cyane cya kora iki?



Ikirere kimeze nabi cyane gishobora kwangiza inzu yawe.



Ikirere kimeze nabi cyane gishobora kwangiza ibintu munzu yawe, urugero ibikoresho.

## Kugira ngo witegure Ikirere kimeze nabi cyane ugomba:



Kugira ibikoresho by'ingenzi wakwitabaza.



Tegura icyo wowe n'umuryango wawe mwazakora habaye hari umuburo w'Ikirere kimeze nabi cyane



Shaka ubwishingizi bw'inzu yawe n'ibintu byo munzu yawe.



Ugomba kandi kumva Radiyo ABC cyangwa TV kubyerekeye imiburo y'Ikirere kimeze nabi cyane.



Tunganya inzu n'ubusitani bwawe.

**Ubwishingizi ni amafaranga ushobora kubona muri societe y'ubwishingizi mugihe hari ibitagenda neza.**





# Amapfa

## Uru rupapuro rwerekana icyo gukora hari Amapfa

### Amapfa ni:

- Iminsi itatu cyangwa irenga yubushyuhe bwinshi



Amapfa ashobora kubaho mugihe cyizuba - Ukubozza kugeza Gashyantare



Amapfa ashobora guteza akaga. Akaga bivuze ko ushobora gukomeretswa.



Amapfa ashobora kugukomeretsa wowe n'umuryango wawe.

## Amapfa ashobora gukora iki?



Amapfa ashobora guhungabanya impinja n'urubiruko.



Amapfa ashobora guhungabanya abageze mu zabukuru.



Amapfa ashobora guhungabanya abantu bafite uburwayi nk'indwara y'ubuhema.



Amapfa ashobora guhungabanya abantu bakorera hanze.



Amapfa ashobora guhungabanya amatungo.

## Kugira ngo witegure amapfa ugomba:



Kunywa litiro 2 kugeza kuri 3 kumunsi, nubwo waba wumva nta nyota ufite.



Gabanya kunywa inzoga, ibinyobwa bidasembuye, icyayi cyangwa ikawa.



Gerageza kurya ibiryo bikonje, cyane cyane salade n'imbuto. Irinde ibiryo bya poroteyine biremereye bizamura ubushyuhe bwumubiri kandi byongera itakara ry'amazi.



Ntugasige abana, abantu bakuru cyangwa inyamaswa mumodoka ziparitse.



Irinde gusohoka mugice gishyushye cyumunsi (hagati ya saa tanu na saa cyenda z'amanwa).



Koresha vantilateri n'ibyuma bitanga imbeho murugo kugirango ukomeze gukonja, cyangwa ugume ahandi hantu hari akabeho.



**Kubindi bisobanuro sura urubuga rwacu: [disaster.townsville.qld.gov.au](https://disaster.townsville.qld.gov.au)**

Nubwo bwose inkunga yo kwishyura iki gikoresho yatanzwe na Guverinoma zombi iya Ositaraliya n'iya Queensland, ibikubiyemo ntabwo byanze bikunze byerekana ibitekerezo bya Guverinoma.